# Ku mukiriya uri mu nkambi – bigenda gutya, iyo inkambi yawe ifunzwe

Bibaye ngombwa ko dufunga inkambi z'impunzi, kubera ko umubare w'abakiriya bayituyemwo wagabanutse cyane. Umubare waragabanutse cyane kuko abasaba ubuhungiro n'abo kurindwa by'agateganyo ari bakeya hakaba kandi n'abandi babaga mu nkambi y'impunzi bimuriwe mu turere. Kubera uko bimeze ntabwo twagumana umubare umwe w'ahacumbikirwa abantu nka mbere.

## Niba ugomba kwimuka, uhabwa ubufasha n'inkambi y'impunzi ubamwo

Inkambi y'impunzi yawe irabikubwira n'abandi baba mu nkambi babibwirwa buri wese ukwe. Inkambi y'impunzi iguha inama, zikubwira igihe uzimukira ukava aho wari ucumbitse ubu n'ukuntu gucumbikirwa bizakomeza. Ushobora kuganira icyo kibazo hamwe n'abakozi bo mu nkambi y'impunzi.

## Soma hano amahitamwo arebana n'ukuntu utunganya iby'icumbi ryawe mu minsi ikurikira

### 1. Mu karere

- Ukwiye gushaka akarere uzaturamwo, niba
  - wahawe icyemezo cyo kurindwa by'agateganyo kandi ukaba umaze umwaka wose uba muri Finilandi
- Niba ufite akarere uturamwo,
  - Ushobora ubwawe kwemeza aho uzatura kandi ugatunganya ibirebana n'icumbi ryawe uko wifuza.
    - Niba ubungubu inkambi yawe yaragukodeshereje icumbi ubamwo, baza inkambi y'impunzi niba bishoboka ko amasezerano y'ubukode yimurirwa mw'izina ryawe. Niba amasezerano y'ubukode ashobora kwimurirwa mw'izina ryawe, ufite amahirwe yo gukomeza kuguma muri iyo nzu utuyemwo ubungubu nyuma yo guhabwa uburenganzira bwo gutura muri ako karere.
  - ufite uburenganzira bumwe na za serivisi kimwe n'abandi baba muri Finilandi ku buryo buhoraho. Uburenganzira bwawe ni bwinshi ugereranije n'ubw'abakiriya b'inkambi y'impunzi.
  - ntabwo ukiri umukiriya w'inkambi y'impunzi.
  - ibihinduka mu nkambi y'impunzi nta ngaruka bikugiraho.
  - ushobora gusaba muri Kela inkunga y'imibereho n'inkunga y'icumbi ku bijyanye no gutura. Saba ubufasha mu nkambi y'impunzi ya we mu guteganya amafaranga.
- Zirikana ko gutunganya izo mpinduka bishobora gutwara umwanya. Baza bwangu igihe bishoboka mu nkambi y'impunzi yawe kugira ngo ibintu byawe babisuzume kandi bikorwe.

- Shakira akarere uzaturamwo mu kigo cya Leta gishinzwe iyandika n'ibarura ry'abaturage. (Digi- ja väestötietovirasto):
    - Amabwiriza areba abahawe kurindwa by'agateganyo: dvv.fi/ohjeita-ukrainasta-saapuville
    - Amabwiriza areba abahawe kurindwa gushingiye ku mahame mpuzamahanga: dvv.fi/kotikunta
- Abakozi bo mu nkambi y'impunzi baguha inama ku birebana n'ibibazo byo gushaka akarere uzaturamwo. Uhabwa ubufasha no kuri telefoni mu rurimi rwa Ukraine, mu kirusiya, mu gifini no mu cyongeleza:
    - ushobora guhamagara muri Imigarasiyo ku numero ya serivisi Ukraina 0295 790 605 mu minsi y'akazi hagati ya saa 8:30–12:00.
    - ushobora kohereza inyandiko ngurukanabutumwa (email) kuri migri@migri.fi. Andika ku mpamvu y'inyandiko ijambo "akarere", bityo bizihutisha ko ubutuwa bwawe buhita bushyikirizwa ubusuzuma. Koresha inyandiko ngurukanabutumwa y'ibanga unyujije kuri serivisi yitwa securemail.migri.fi.
- Iyo wasabye kurindwa gushingiye ku mahame mpuzamahanga kandi ukaba warabonye icyemezo kibikwemerera, ushobora gushaka akarere uturamwo. Soma birambuye ku rukuta rwa interineti  Kuntaan muuttaminen.

### 2. Gutura mu nzu y'umuntu ku giti cye

- Niba udateganya cyangwa udashaka kwimukira mu karere, ushobora kwishakira icumbi ubwawe mu nzu y'umuntu ku giti cye hanze y'inkambi y'impunzi. Icyo gihe ntabwo tugusubiza ibyo wishyura kw'icumbi.
- Iyo uba mu nzu y'umuntu ku giti cye, uhabwa n'inkambi y'impunzi iri hafi yawe za serivisi zigenerwa abasaba ubuhungiro.
- Soma birambuye ku rubuga rwa interineti rwa Imigarasiyo ibijyanye n'icumbi mu nzu y'umuntu ku giti cye:
    - migri.fi/asuminen
    - migri.fi/majoittuminen-yksityismajoitukseen

### 3. Kwimukira mu yindi nkambi y'impunzi

Iyo udateganya kwimukira mu karere cyangwa mu nzu y'umuntu ku giti cye, tugushakira icumbi mu nkambi y'impunzi ifite imyanya. Ntushobora ubwawe kwihitiramwo akarere ujyanwamwo.

- Si ngombwa ko dushobora kuguha aho utura mu karere kakwegereye. Icyo gihe, aho tuguha akarere ucumbikamwo, urugero biterwa no kureba niba mu nkambi z'impunzi ziri mu turere twa hafi harimo imyanya.

## Abenshi mu bakiriya bashobora gusaba uturere baturamwo

Twitwararitse ko mu cyemezo cyo kugabanya inkambi, mu mwaka wa 2025 mu nkambi z'impunzi zizahagarika imirimo hatuyemwo abantu 2 200, bashobora gusaba uburenganzira bwo kwimurirwa mu turere baturamwo muri Finilandi.

## Izizafungwa mu nkambi z'impunzi

Amasezerano azaseswa uhereye ku ya 1.3.2025, 1.4.2025 na 1.7.2025.

## Mu kwa gatandatu 2025 inkambi zizahagarika imirimo

- Inkambi y'impunzi ya Kemi, Hemcare Oy
- Inkambi y'impunzi ya Pieksämäki, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Varkaus, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Järvenpää, Luona Oy
- Inkambi y'impunzi ya Porvoo, Luona Oy
- Inkambi y'impunzi ya Satakunta, SPR Satakunnan Piiri
- Inkambi y'impunzi ya Vaasa, Pohjanmaa Maahanmuuttokeskus Oy
- Inkambi y'abataragira imyaka y'ubukure ya Kajaani, Babando Oy

## Mu kwa cyenda 2025 inkambi zizahagarika imirimo

- Inkambi y'impunzi ya Vantaa asuntopohjainen, Luona Oy
- Inkambi y'impunzi ya Länsi-Uudenmaan asuntopohjainen, Luona Oy
- Inkambi y'impunzi ya Lieksa, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Valkeakoski, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Forssa, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Jämsä, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Riihimäki, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Kajaani, Babando Oy
- Inkambi y'impunzi ya Ahvenanmaa, SPR Varsinais-Suomen Piiri

## Mu kwezi k'ukuboza 2025 inkambi zizahagarika imirimo yazo

- Inkambi y'impunzi ya Oravais, Pohjanmaan Maahanmuuttokeskus Oy

## Mu kwezi kwa kabiri 2026 inkambi zizahagarika imirimo yazo

- Inkambi y'impunzi ya Joensuu, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Kuopio, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Mikkeli, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Rovaniemi, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Tampere, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Hämeenlinna, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Lahti, Kotokunta Oy
- Inkambi y'impunzi ya Jyväskylä, Kotokunta Oy

# Indimi byanditswemwo